

Nakora iki niba ntekereza ko umwana wanjye afite ubumuga?



Hari ubwoko bwinshi bw'ubumuga. Ubumuga bushobora kugira ingaruka ku buryo umwana wawe yigamo, avuganamo n'abandi n'uko yiyitaho.

Ubumuga bushobora kuba ubwo ku mubiri. Aha harimo ibibazo byo kumva, kubona cyangwa gutambuka. Ubumuga bushobora kuba ubwo mu marangamutima cyangwa mu mutwe. Aha harimo ingorane zo kwiga cyangwa gucunga uko umuntu yiyumva.

Ni gute nasuzumisha umwana wanjye ubumuga?

Ugomba gusuzumisha umwana wawe kugira ngo ubumuga bugaragare. Amashuri ya leta ashobora kugusuzumira umwana igihe ubisabye. Ushobora kohereza inyandiko isaba isuzuma ku ifasi y'ishuri ryanyu ririmo. **Isuzuma ni ubuntu. Rizakorwa mu rurimi umwana wawe yumva.**

Amashuri ashinzwe gufasha abanyeshuri bagaragayeho ubumuga. Amashuri atanga inkunga yiswe uburezi budasanze.



Nyuma y'isuzuma, ugomba guhura n'ishuri ryanyu mu minsi 60 cyangwa itagezeho kugira ngo mwemereze hamwe niba umwana wawe ashobora guhabwa uburezi budasanze. Ku bindi bisobanuro, soma agatabo kacu kavuga ku *Burezi budasanze.*

Umwana wawe yaba yarimwe uburezi budasanze? Soma agatabo kacu kavuga ku *Kwimwa uburezi budasanze* kugira ngo umenye icyo ushobora gukora.